# Mu by'ukuri Allah Nyir'ubutagatifu azabwira abantu bo mu ijuru ati: Yemwe bantu bo mu ijuru? Bamubwire bati: Turakwitabye Nyagasani kandi turakumviye, nuko ababwire ati: Mwanyuzwe? Bamusubize bati: Ni gute tutanyurwa kandi waduhaye ibyo utigeze uha n'umwe mu biremwa byawe?

Hadith yaturutse kwa Abi Said Al Khud'riy (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Mu by'ukuri Allah Nyir'ubutagatifu azabwira abantu bo mu ijuru ati: Yemwe bantu bo mu ijuru? Bamubwire bati: Turakwitabye Nyagasani kandi turakumviye, nuko ababwire ati: Mwanyuzwe? Bamusubize bati: Ni gute tutanyurwa kandi waduhaye ibyo utigeze uha n'umwe mu biremwa byawe? Nuko ababwire ati: Njye ndabaha ibirenze ibyo, maze bavuge bati: Yewe Nyagasani, ni ibihe byiza bibiruse? Maze ababwire ati: Ndabahundagazaho kubishimira, sinzongere kubarakarira na rimwe!"

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze ko Allah Nyir'ubutagatifu azabwira abantu bo mu ijuru bamaze kuryinjiramo ati: Yemwe bantu bo mu ijuru, bamwikirize bati: Turakwitabye Nyagasani kandi turakumviye; Nuko ababwire ati: Ese mwanyuzwe? Bamusubize bati: Yego Nyagasani twanyuzwe; kandi ni gute tutanyurwa kandi waduhaye ibyo utigeze uha undi uwo ari we wese mu biremwa byawe?! Allah Nyir'ubutagatifu abasubize ati: Ese mbahe ibyiza birenze ibyo? Bavuge bati: Mana Nyagasani ni ibihe byiza biruta ibi?! Allah abasubize ati: Ndabahundagazaho kubishimira, kandi sinzongere kubarakarira na rimwe.